**CABINET DIBIRO BY'UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA**
**PROFFESSIONAL BALIFF OFFICE**
**Me BAYISENGE UMUTESI Josephine**
**Kigali City, NYARUGENGE District, Nyarugenge sector**

**Tel: +250788516801; e-mail: bayisengeumutesijosephine@gmail.com**

---

## [2] INYANDIKO Y'UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA IMENYESHA MURENZI THOMAS UBARIZWA AHATAZWI ICYEMEZO CY'URUKIKO RC 00444/2026/TB KIC CYAFASHWE KUWA 22/03/2022(45,46,241CPCCSA)

Umwaka wa 2026 umunsi wa 15 w'Ukwezi kwa 09

Mbisabwe na MUREKATETE Anne Marie

Njyewe,Me BAYISENGE UMUTESI Josephine Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga

Nshingiye ku kungingo ya 48 n'iya 49 z'itegeko N° 12/2013 ryo kuwa 22/03/2013 rigenga umurimo w'abahesha b'inkiko

Nshingiye ku itegeko N°025 ryo kuwa 12/05/2021 rihindura kandi ryuzuza itegeko N°22/2018 RYO KUWA 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano izubucuruzi iz'umurimo n'izubutegetsi cyane cyane mungingo zaryo za 45,46,na 241

Nshingiye ku nyandikompesha RC00444/2026/TB/KIC yo ku wa07/09/2026 menyesheje MURENZI Thomas iyi nyandikompesha ubarizwa ahatazwi.;aho urukiko

Rwemeje ko Murekatete Anne MARIE na MURENZI Thomas batandukanye burundu kumpamvu y'ubutane.

Rwemejeko ko umutungo ufite UPI 1/03/07/01/541 uherereye mu mudugudu wa NYENYERI akagari ka BWERANKORI umurenge wa KIGARAMA akarere ka KICUKIRO, MURENZI Thomas na MUREKATETE Anne Marie bawugurisha amafranga avuyemo bakayagabana kuburyo bungana.

Rwemeje ko urubanza rwohererezwa umwanditsi w'irangamimerere w'aho ishyingirwa ryabereye kugirango ryandikwe mu gitabo cy'inyandiko z'ubutane .

Iyi nyandiko ndetse n'icyemezo cy'urukiko mbitangaje kunkiko zisumbuye Zose uko ari 12 zibarizwa mu Rwanda ndetse mbitangaje no muri kimwe mubinyamakuru byandika .

Me BAYISENGE UMUTESI JOSEPHINE

UMUHESHA W'inkiko w'umwuga .

**URUKIKO RW'IBANZE RWA KICUKIRO RURI MU KAGARAMA RUHABURANISHIRIZA IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO MU RWEGO RWA MBERE, RUKIJIJE MU RUHAME URUBANZA N$^0$ RC 00444/2026/TB/KICU, NONE KUWA 07/09/2026.**

---

**HABURANA:**

**UREGA:**

MUREKATETE Anne Marie mwene GAKWAVU Gervais na MUKAKABAKA Immaculee yavutse ku itariki 15/08/1977, atuye mu Mudugudu wa MUKAMUNANA Epophanie, Akagali ka Bwerankori, Umurenge wa Kigarama, Akarere ka Kicukiro, Intara y'Umujyi wa Kigali, tel: 0788616240, ID: 1197770056432226, email: murekateteannemarie2026@gmail.com.

**UREGWA:**

MURENZI Thomas mwene KAREKEZI Elaste na MUKAMUNANA Epophanie, atuye mu mudugudu wa Nyenyeri, Akagali ka Bwerankori, Umurenge wa Kigarama, Akarere ka Kicukiro, Intara y'Umujyi wa Kigali, ID: 1197180037522173.

**IKIREGERWA:**

Gusaba ubutane bwa burundu.

---

## I. IMITERERE Y'URUBANZA

1. MUREKATETE Anne Marie avuga ko yasezeranye na MURENZI Thomas imbere y'umwanditsi w'irangamimerere mu Murenge wa

Gihango kuwa 17/08/1997 basezeranye uburyo bw'ivangamutungo rusange. Mu kubana kwabo babyaranye abana 2 bitwa UMUTESI Hubertine wavutse ku itariki 03/11/1997 na MUGISHA Chris Espoir wavutse ku itariki 20/06/1999, bamaze igihe babana umubano wabo wajemo agatotsi, MUREKATETE Anne Marie agahozwa ku nkeke na MURENZI Thomas, akamutoteza amubwira amagambo mabi, ku buryo byamuteye ihungabana ku mitekerereze kandi rimushengura umutima.

2. MUREKATETE Anne Marie avuga ko yakomeje kubyihanganira bakomeza kubana ariko bigeze mu mwaka wa 2017 MURENZI Thomas yataye urugo arigendera kugeza n'ubu hashize imyaka icyenda batabana nk'uko byemezwa n'inzego z'ibanze muri raporo yabo yo kuwa 06/03/2026, akaba ariyo mpamvu yatanze ikirego asaba ubutane kubera kubana kwabo kutagishobotse.

3. Iburanisha ryabereye mu ruhame ku itariki 02/09/2026 hitabye MUREKATETE Anne Marie ahagarariwe na Me HABYARIMANA Jean Baptiste naho MURENZI Thomas atitabye kandi yaramenyeshejwe mu buryo bukurikije amategeko, bisabwe n'urega urukiko rufata icyemezo cyo kuburanisha urubanza adahari[1].

4. Ikibazo kigomba gusuzumwa muri uru rubanza:

a) Kumenya niba impamvu MUREKATETE Anne Marie yatanze zihagije mu kwemeza ko ahabwa ubutane.

b) Kumenya niba hari abana bato bafatwaho icyemezo cy'umubyeyi wabarera.

c) Kumenya niba hari imitungo MUREKATETE Anne Marie na MURENZI Thomas bagabana.

---

[1] Ingingo ya 56 y'itegeko N$^0$ 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi isoban isobanura ko "**Iyo mu iburanisha uregwa atitabye nta mpamvu, urega ashobora gusaba ko urubanza rwimurirwa ku yindi tariki cyangwa gusaba ko ruburanishwa uregwa adahari**".

## II. ISESENGURA RY'IKIBAZO KIGIZE URUBANZA.

**1) Kumenya niba impamvu MUREKATETE Anne Marie yatanze zihagije mu kwemeza ko ahabwa ubutane**.

5. Ku munsi w'iburanisha Me HABYARIMANA Jean Baptiste uhagarariye MUREKATETE Anne yasobanuye ko basabye ubutane ko Murekatete ahozwa kunkeke, MURENZI Thomas yataye urugo kandi hashize imyaka 9 batabana ndetse amubwira amagabo mabi.

6. MURENZI Thomas ntabwo yireguye ngo agite icyo avuga ku mpamvu z'ubutane MUREKATETE Anne Marie asaba.

**UKO URUKIKO RUBIBONA**

7. Ikibazo gisuzumwa muri uru rubanza ni ukumenya niba impamvu MUREKATETE Anne Marie yatanze zihagije mu kwemeza ko ahabwa ubutane.

8. Ingingo ya 248 igika 1 agace ka I y'itegeko n$^0$ 71/2024 ryo ku wa 26/06/2024 rigenga abantu n'umuryango isobabura ko **"(1) Buri wese mu bashyingiranywe ashobora gusaba ubutane kubera imwe mu mpamvu zikurikira: (i) iyo kubana bitagishobotse kubera indi mpamvu itakwihanganirwa n'umwe mu bashyingiranywe"**.

9. Iyi ngingo irasobanura ko kuba MUREKATETE Anne Marie asaba ubutane kubera ko hashize imyaka icyenda MURENZI Thomas kandi ko yamuhozaga ku nkeke, akamutoteza amubwira amagambo mabi bityo ko kubana kwabo bitagishobotse, urukiko rukaba rusanga akwiye akwiye guhabwa ubutane kubera ko kubana kwabo bitagishobotse.

10. Urukiko rushingiye ku mpamvu zimaze gusobanurwa mu gika kibanziriza iki, rurasanga ikirego cyatanzwe na MUREKATETE Anne Marie asaba ubutane gifite ishingiro.

**2) Kumenya niba hari abana bato bafatwaho icyemezo cy'umubyeyi wabarera.**

11. Me HABYARIMANA Jean Baptiste uhagarariye MUREKATETE Anne Marie ku munsi w'iburanisha yasobanuye ko uwo ahagarariye na MURENZI Thomas babyaranye abana babiri aribo MUGISHA Chris Espoir wavutse ku itariki 20/06/1999 na UMUTESI Hubertine wavutse ku itariki 03/12/1997 kandi bafite imyaka y'ubukure.

12. MURENZI Thomas ntabwo yitabye urukiko ngo agire icyo avuga ku bana yabyaranye na MUREKATETE Anne Marie.

**UKO URUKIKO RUBIBONA**

13. Ikibazo gisuzumwa ni ukumenya niba hari abana bato bafatwaho icyemezo cy'umubyeyi wabarera.

14. Ingingo ya 269 y'itegeko n$^0$ 71/2024 ryo kuwa 26/06/2024 rigenga abantu n'umuryango ivuga ko "**(1) Abana bahabwa umubyeyi watsindiye ubutane. Undi mubyeyi asigarana uburenganzira bwo gusura abana, kubavugisha cyangwa gusurwa na bo. Mu guca urubanza, umucamanza agena uburyo bukwiye kugirango ubwo burenganzira bwubahirizwe**."

15. Iyi ngingo ihujwe n'uru rubanza irumvikanisha ko kuba Me HABYARIMANA Jean Baptiste uhagarariye MUREKATETE Anne Marie ku munsi w'iburanisha yasobanuye aba bombi babyaranye abana babiri aribo MUGISHA Chris Espoir wavutse ku itariki 20/06/1999 na UMUTESI Hubertine wavutse ku itariki 03/12/1997 kandi bafite imyaka

y'ubukure, akaba ariyo mpamvu urukiko rusanga nabo bashoboye kwirera.

16. Urukiko rushingiye ku mpamvu zimaze gusobanurwa mu gika kibanziriza iki, rurasanga MUGISHA Chris Espoir na UMUTESI Hubertine ari bakuru nabo bashoboye kwirera.

**3) Kumenya hari hari imitungo MUREKATETE Anne Marie na MURENZI Thomas bagabana**.

17. Me HABYARIMANA Jean Baptiste uhagarariye MUREKATETE Anne Marie ari mu rukiko yasobanuye ko bafitanye umutungo ufite UPI: 1/03/07/01/541 uherereye mu mudugudu wa Nyenyeri, Akagali ka Bwerankori, Umurenge wa Kigarama, Akarere ka Kicukiro ko ubutane butanzwe uyu mutungo bazawugabana kuburyo bungana.

18. MURENZI Thomas ntacyo yavuze ku igabana ry'umutungo kubera ko atitabye urukiko ku munsi w'iburanisha.

**UKO URUKIKO RUBIBONA**

19. Ikibazo gisuzumwa ni ukumenya niba hari imitungo MUREKATETE Anne Marie na MURENZI Thomas bagabana.

20. Ingingo ya 162 y'itegeko n$^0$ 71/2024 ryo kuwa 26/06/2024 rigenga abantu n'umuryango ivuga ko "(1) **Ivanguramutungo risesuye ni uburyo abashyingiranywe bumvikana gufatanya gutunga urugo rwabo hakurikijwe ubushobozi bwa buri wese, kandi buri wese akagumana ububasha bwo gucunga, kwikenuza no kwikuraho umutungo we bwite"**.

21. Iyi ngingo muri uru rubanza irumvikanisha ko kuba MURENZI Thomas na MUREKATETE Anne Marie barahisemo uburyo bw'ivanguramutungo risesuye nkuko bigaragazwa n'icyemezo cy'ishyingirwa cyatanzwe ku itariki 04/09/2026 n'ibiro by'irangamimerere

by'umurenge wa Gihango mu Karere ka Rutsiro ariko umutungo ufite UPI: 1/03/07/01/541 ukaba ubanditseho bombi aho buri wese afiteho uruhare rwa 50%, urukikko rusanga bagomba kuwugurisha amafaranga avuyemo bakayagabana mu buryo bungana.

22. Urukiko rushingiye ku mpamvu zimaze gusobanurwa mu gika kibanziriza iki, rurasanga nta buryo MURENZI Thomas na MUREKATETE Anne Marie bagaragaje bw'imicungire y'umutungo wabo.

## III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

23. Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na MUREKATETE Anne Marie gifite ishingiro;

24. Rwemeje ko amasezerano y'ishyingirwa yo ku itariki 21/08/1997 ya MURENZI Thomas na MUREKATETE Anne Marie asheshwe ku mpamvu z'ubutane;

25. Rutegetse ko umutungo ufite UPI: 1/03/07/01/541 uherereye mu mudugudu wa Nyenyeri, Akagali ka Bwerankori, Umurenge wa Kigarama, Akarere ka Kicukiro MURENZI Thomas na MUREKATETE Anne Marie bazawugurisha amafaranga avuyemo bakayagabana mu buryo bungana;

26. Rutegetse ko uru rubanza rwohererezwa umwanditsi w'irangamimerere w'aho ishyingirwa ryabereye kugirango rwandikwe mu gitabo cy'inyandiko z'ubutane;

27. Rutegetse ko amafaranga y'igarama yatanzwe muri uru rubanza ahwanye n'imirimo yarukozwemo.

**NUKO RUKIJIJWE KANDI RUSOMEWE MU RUHAME NONE KUWA 07/09/2026**

| | |
|---|---|
| ***/sé/*** | ***/sé/*** |
| **<u>UMUCAMANZA</u>** | **<u>UMWANDITSI W'URUKIKO</u>** |
| **HABANABAKIZE Samuel** | **KAZIGABA Elimelec** |